**KAYOBOTSI Prote**
**C/O MIJEUMA**
B.P 1044 - KIGALI

**Kigali, le 03/06/1996**

Ku Muyobozi w'Urubyiruko
muri MIJEUMA
KIGALI

Ikivugwa:
Ordre de mission

Mu buryo bwo gutegura programme ya za C.F.J, hakenewe inyandiko z'ibanze tugomba guheraho.
Niyo mpamvu mbasaba uburenganzira bwo kujya, ubwambere i Save muri E.T.I.
Ibyo bazangezaho nzabibahaho raporo.

Umukozi wanyu
Ir. KAYOBOTSI Prote

Kigali, kuwa 3/06/1996

**IMVUGO NYANDIKO Y'ABAZAHUGURWA MURI CENTRE GACULIRO**

Haje 19 kuri 36 bahamagawe.

Inama yayobowe na Gaspard afatanije na Munana na Prote

- Gaspard yafashe ijambo ati :

  Iyi nama yatumijwe na Minisitiri ngo tubaburire ikigamijwe muri rusange mu mahugurwa yanyu abashinzwe kuzigisha mu ma C.F.J ubwo asoma amategeko rusange bazagenderaho; bamaze no gutanga umwirondoro wabo.

- Munana yakurikiyeho avuga ati :

  Minisiteri igamije ko abazarangiza mu ma C.F.J b'ubu batazasa n'abo muri Leta y'ubushize mu mikorere. Tugomba kugeza urubyiruko k'ubumenyi buhagije. Urubyiruko rufite ibibazo byinshi ni ngombwa ubumenyi bunini bufite ingufu niyo mpamvu abazarwigisha bagomba guhugurwa kandi n'imyaka yo kwigisha aho kuba ibiri gusa, izaba itatu. Niyo mpamvu mugomba kumenya inshingano zanyu : kugira ubumenyi bukwiliye ngo mubugeze ku bandi. Ibyo tubifashwamo na Abanya Canada yongera ho avuga ati :

  Icyo mutumva mugomba kugisobanuza. Ati kandi ibyerekeye Perdiem ntabyo kuko muje kwiga. Abali basanzwe bakora bazakomeza umushahara wabo hamwe n'abasinye contrat.

- MUSABYIMANA umwe mu bazahugurwa ati : Aho muteganya icumbi ni rusange ?

- Gaspard ati : abafite abana bato birateganijwe ko bazagira umwanya wabo.

- Munana yongera ho ati :

  Tuzareba uburyo ababyeyi bazizanira abayaya ati kandi Leta yambere sikimwe niy'ubu iyubu ifite amikoro make niyo mpamvu ikibazo cy'abayaya ntagifitiye igisubizo muri aka kanya.

- MUKANKUSI umwe mubazahugurwa ati : ubu abantu babaye ibikoko, kudushakira abayaya tutazi biteye impungenge. Ibyo tubyemeranya ho twese.

- Prote yarangije yunga mu rya Gaspard ati nkuko yavuze ngo nta mu Technicien ugomba kuvuga ngo nta kigenda, mbasabye kuzarangiza mufite ububasha bwo gukoresha mugahemba aho guhembesha.

- Gaspard ati : muzihanganire abalimu aliko ntimugatinye gusobanuza.

Inama irangira bijejwe kuzatangira mur: iyi minsi kandi tubashimira.

**Amazina y'abali bahali ni aya akurikira :**

| | | |
|---|---|---|
| 1. | MUKAMANA Primitive | Coiffure ésthétique |
| 2. | UWIZEYE Marie Goretti | Couture-tricot |
| 3. | KAYIRANGWA Epiphanie | Couture |
| 4. | MUKAMINEGA Monique | Couture |
| 5. | MUKANKUSI Alphonsine | " " |
| 6. | KANSHONGORE Dative | " " |
| 7. | UWASHEMA Béatrice | Coiffure |
| 8. | TUGIRAMARIYA Immaculée | Couture |
| 9. | MUKANYARWAYA Marthe | Couture |
| 10. | UWAMAHORO Geneviève | Coiffure ésthétique |
| 11. | MUKABALISA Françoise | Couture |
| 12. | ........ Jenitter | Coiffure ésthétique |
| 13. | Florentine MUSABYIMANA | Coiffure et ésthétique |
| 14. | MUKARUKABUZA Victorine | Couture |
| 15. | MUKANGENZI Géneviève | Couture |
| 16. | MUKESHIMANA Josiane | Coiffure ésthétique |
| 17. | BISAMAZA Anne | Couture |
| 18. | KARIGIRWA Charlotte | Couture |
| 19. | ABDALLA SILAS | Couture-tricot |